**REPUBULIKA Y' URWANDA**

**IKIGO GISHINZWE MINE, PETEROLI NA GAZI MU RWANDA (RMB)**

# Ibisabwa kugirango hatangwe ibaruwa ishyigikira ubusabe bwo guhabwa uburenganzira bwo gutumiza mu mahanga, gukora, gutwara, gucuruza no gukoresha intambi n'ibijyana nazo mu bucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri mu Rwanda

## 1. Intangiriro

Iteka rya Minisitiri N° 013/MOJ/AG/19 ryo ku wa 16/07/2019 rigena ibisabwa kugira ngo hatangwe uruhushya rwo gutumiza mu mahanga, gukora, gutwara, gucuruza no gukoresha intambi mu bucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri.

Ingingo ya 44 y'Itegeko N° 58/2018 ryo kuwa 13/08/2018 rigenga ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri igena ko Gutumiza mu mahanga, gukora, gutwara, gucuruza, gukoresha intambi mu bucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri bitangirwa uruhushya na Minisitiri ufite umutekano w'imbere mu Gihugu mu nshingano ze abisabwe n'umuyobozi ubifitiye ububasha.

**Umuyobozi ubifitiye ububasha** uvugwa muri iyi ngingo ni umuyobozi w'urwego rwa Leta rufite mu nshingano mine na kariyeri.

Intambi n'ibijyana nazo ni bimwe mu bikoresho by'ingenzi bikoreshwa mu bucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri bikenera gucungwa neza kugirango byifashishwe mu kongera umusaruro, ariko kandi habungabungwa umutekano w'abakozi n'abaturiye mine cyangwa kariyeri.
Bityo nubwo intambi n'ibijyana nazo bigira umumaro ukomeye mu bucukuzi bwa mine na kariyeri, ni ngombwa ko n'ingaruka zishobora guturuka ku micungire mibi y'ibi bikoresho isuzumwa kandi hagafatwa ingamba zo gukumira ibyo byago hirindwa ko umutekano w'abanyagihugu uhungabana.

Byagaragaye ko ikoreshwa ry'intambi mu bucukuzi bwa mine na kariyeri rigenda rizamuka cyane, ni yo mpamvu n'imicungire yazo igomba kujya igenda irushaho gusuzumwa ndetse no kuvugururwa aho bikenewe.

Ni muri urwo rwego, Ikigo Gishinzwe Mine, Peteroli na Gazi mu Rwanda (RMB), kimenyesha abakora umwuga w'ubucukuzi bwa mine na kariyeri ndetse n'abaturarwanda bose muri rusange, ibisabwa kugirango hatangwe ibaruwa ishyigikira ubusabe bwo guhabwa uburenganzira bwo gutumiza mu mahanga, gukora, gutwara, gucuruza no gukoresha intambi n'ibijyana nazo mu bucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri mu Rwanda.

## 1. Ibisabwa kugirango hatangwe ibaruwa ishyigikira ubusabe

Ibisabwa kugirango hatangwe ibaruwa ishyigikira ubusabe bigenda bitandukana bitewe n'icyo intambi zigiye gukoreshwa. Bityo hari ibiri rusange ku basaba bose, ndetse n'ibindi bigiye byihariye bitewe n'icyo intambi zizakoreshwa.

### 1.1. Ibisabwa biri rusange ku basaba bose

i. Icyemezo cy'iyandikisha ry'ubucuruzi imbere mu Gihugu cy'usaba;

ii. Ibisobanuro birambuye by'ubwoko bw'intambi zikenewe;

iii. Kugaragaza ko afite ubushobozi mu micungire y'intambi;

iv. Inyandiko yemeza ko amakuru yatanzwe n'usaba ari ukuri.

### 1.2. Ibisabwa byihariye ku busabe bwo gutumiza intambi mu mahanga

Usaba uburenganzira bwo gutumiza intambi mu mahanga, asabwa gushyira muri dosiye ye ibi bikurikira byiyongera ku bisabwa biri rusange byavuzwe haruguru:

#### a. Ukora umwuga w'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro cyangwa kariyeri

i. Kopi y'uruhushya rwo gucukura amabuye y'agaciro cyangwa kariyeri;
ii. Inyandiko igaragaza igihugu intambi zizaturukamo;
iii. Inyandiko isobanuro icyo intambi zizakoreshwa n'uko zizakoreshwa. Iyi nyandiko ntigomba kuburamo imiterere y'urutare ruzaturitswa, umuteguro wo guturitsa ugaragaza imiterere y'imyobo, ingamba zo kubungabunga umutekano n'ubuzima bw'abakozi n'abaturiye ikirombe, ingamba zo kubungabunga ibidukikije no kumenyesha abaturiye ikirombe ko hari igikorwa cyo guturitsa intambi;
iv. Inyandiko igaragaza ingano y'intambi n'ibijyana nazo bizatumizwa;
v. Inyandiko igaragaza umuteguro wo gutwara intambi n'ingamba zo kubungabunga umutekano mu gihe intambi ziri gutwarwa;

vi. Kugaragaza ko afite ibikoresho byabugenewe byo kwerekana igipimo cy'umutingito n'urusaku biterwa n'iturika ry'intambi;
vii. Raporo igaragaza uko intambi zatumijwe mu gihe cyashize zakoreshejwe mu gihe usaba yaba yarigeze ahabwa uruhushya rwo gutumiza intambi mu mahanga.

**b. Umucuruzi**

Usaba uburenganzira bwo gutumiza intambi kugirango zicuruzwe asabwa ibi bikurikira:

i. Kuba afite uruhushya rwo gukora ubucuruzi bw'intambi n'ibijyana nazo;
ii. Kugaragaza umuteguro w'umwaka wose w'uburyo intambi zizatumizwa;
iii. Inyandiko igaragaza gahunda y'uko intambi zizatwarwa;
iv. Inyandiko igaragaza ingano y'intambi ashaka gutumiza mumahanga;
v. Inyandiko igaragaza igihugu intambi zizaturukamo;
vi. Raporo y'uko intambi zatumijwe mu gihe cyashize zacurujwe mu gihe usaba yaba yarigeze ahabwa uruhushya rwo gutumiza intambi mu mahanga;

### 1.3. Ibisabwa byihariye ku busabe bwo gukoresha intambi

Usaba uburenganzira bwo gukoresha intambi, asabwa gushyira muri dosiye ye ibi bikurikira byiyongera ku bisabwa biri rusange byavuzwe haruguru:

i. Kopi y'uruhushya rwo gucukura amabuye y'agaciro cyangwa kariyeri;
ii. Kopi y'amasezerano y'akazi afitanye n'umukozi ufite ubumenyi mu byo gukoresha intambi;
iii. Kopi y'impamyabushobozi mu byo guturitsa intambi y'umukozi ushinzwe gukoresha intambi;
iv. Inyandiko isobanuro icyo intambi zizakoreshwa n'uko zizakoreshwa. Iyi nyandiko ntigomba kuburamo imiterere y'urutare ruzaturitswa, umuteguro wo guturitsa ugaragaza imiterere y'imyobo na gahunda yo kubungabunga ibidukikije;
v. Kugaragaza ko afite ibikoresho byabugenewe byo kwerekana igipimo cy'umutingito n'urusaku biterwa n'iturika ry'intambi;
vi. Gahunda y'ubwirinzi n'ingamba zo kumenyekanisha ko hari igikorwa cyo guturitsa intambi mu rwego rwo kugirango habungabungwe umutekano n'ubuzima bw'abakozi, abantu n'ibintu biri hafi ya mine cyangwa kariyeri mu gihe cy'ituritswa ry'intambi.

### 1.4. Ibisabwa byihariye ku busabe bwo kubika intambi

Usaba uburenganzira bwo kubika intambi, asabwa gushyira muri dosiye ye ibi bikurikira byiyongera ku bisabwa biri rusange byavuzwe haruguru:

i. Umuteguro w'imyubakire y'ububiko bw'intambi ukozwe nk'uko amabwiriza abiteganya. Uyu muteguro ugomba kugaragaza ubwoko bw'intambi zizabikwa, uburyo intambi zizajya zitandukanywa n'ibindi bikoresho bijyana nazo, inkuta z'ubwirinzi zifite ingano (Uburebure, umubyimba) n'ibikoresho by'ubwubatsi bijyanye n'ibipimo mpuzamahanga; uruzitiro, umutekano n'ibimenyetso;

ii. Gahunda yo kubungabunga umutekano w'ububiko itagomba kuburamo ingamba n'ibikoresho byo gukumira no kurwanya inkongi z'umuriro, n'ibikoresho by'ubutabazi bw'ibanze;
iii. Gahunda y'ubwirinzi yo kurinda abantu n'imitungo iri hafi yaho ububiko bwubatse iteguye nkuko amabwiriza abiteganya. Iyi gahunda ntigomba kuburamo ibimenyetso biranga bigomba gushyirwa mu bice biri mu nkengero z'aho ububiko bwubatse;
iv. Ibisobanuro birambuye by'ubwoko bw'intambi zishyirwa mu bubiko;
v. Ikarita iteguye neza ku gipimo kitari munsi ya 1:1,000 y'ubuso bwaho ububiko buzubakwa igaragaza ubuso bukomye bw'ubwirinzi busigwa hagati yaho ububiko bwubakwa n'aho abantu batuye cyangwa bakorera ibindi bikorwa;
vi. Igihamya cy'uko hakozwe inyingo ku ngaruka z'umushinga ku bidukikije n'imibereho myiza y'abaturiye ububiko bw'intambi, kandi iyi nyigo ikaba yaremewe n'umuyobozi w'urwego rwa Leta rubifite mu nshingano zarwo.

### 1.5. Ibisabwa byihariye ku busabe bwo gucuruza intambi

Usaba uburenganzira bwo gucuruza intambi, asabwa gushyira muri dosiye ye ibi bikurikira byiyongera ku bisabwa biri rusange byavuzwe haruguru:

i. Gahunda y'ibikorwa by'umushinga igaragaza ibisobanuro birambuye ku bwoko bw'intambi yifuza gucuruza;
ii. Ikarita iteguye neza ku gipimo kitari munsi ya 1:1,000 y'ubuso bwaho ububiko buzubakwa igaragaza ubuso bukomye bw'ubwirinzi busigwa hagati yaho ububiko bwubakwa n'aho abantu batuye cyangwa bakorera ibindi bikorwa;
iii. Igihamya cy'uko hakozwe inyingo ku ngaruka z'umushinga ku bidukikije n'imibereho myiza y'abaturiye ububiko bw'intambi zizacuruzwa, kandi iyi nyigo ikaba yaremewe n'umuyobozi w'urwego rwa Leta rubifite mu nshingano zarwo;
iv. Igihamya cy'ubushobozi bw'ishoramari: Usaba agomba kugaragaza uburyo amafaranga yo gushora mu bucuruzi bw'intambi azaboneka. Iki gihamya gishobora kuba icyemezo ahabwa na banki, amasezerano y'inguzanyo hagati ye n'ikigo cy'imari, ubufasha muby'ishoramari bushobora guturuka ku mufatanyabikorwa cyangwa ubundi buryo bwose bwemewe n'amategeko bwatanga ishoramari kuri uyu mushinga;
v. Umuteguro w'imyubakire y'ububiko bw'intambi ukozwe nk'uko amabwiriza abiteganya. Uyu muteguro ugomba kugaragaza ubwoko bw'intambi zizabikwa, uburyo intambi zizajya zitandukanywa n'ibindi bikoresho bijyana nazo, inkuta z'ubwirinzi zifite ingano (Uburebure, umubyimba) n'ibikoresho by'ubwubatsi bijyanye n'ibipimo mpuzamahanga; uruzitiro, umutekano n'ibimenyetso;
vi. Inyandiko igaragaza umuteguro wo gutwara intambi n'ingamba zo kubungabunga umutekano mu gihe intambi ziri gutwarwa;

### 1.6. Ibisabwa byihariye ku busabe bwo gukora intambi

Usaba uburenganzira bwo gukora intambi, asabwa gushyira muri dosiye ye ibi bikurikira byiyongera ku bisabwa biri rusange byavuzwe haruguru:

i. Gahunda y'ibikorwa by'umushinga igaragaza ibisobanuro birambuye ku bwoko bw'intambi yifuza gukora. Ibi ntibigarukira ku gukora ntambi bibera ahacukurwa mine cyangwa kariyeri gusa, ahubwo harimo no gukora intambi bibera mu ruganda rwubatse ahantu hamwe cyangwa rwimurwa;

ii. Ikarita iteguye neza ku gipimo kitari munsi ya 1:1,000 y'ubuso bwaho ububiko buzubakwa igaragaza ubuso bukomye bw'ubwirinzi busigwa hagati yaho ububiko bwubakwa n'aho abantu batuye cyangwa bakorera ibindi bikorwa;
iii. Umuteguro w'imyubakire y'ububiko bw'intambi ukozwe nk'uko amabwiriza abiteganya. Uyu muteguro ugomba kugaragaza ubwoko bw'intambi zizabikwa, uburyo intambi zizajya zitandukanywa n'ibindi bikoresho bijyana nazo, inkuta z'ubwirinzi zifite ingano (Uburebure, umubyimba) n'ibikoresho by'ubwubatsi bijyanye n'ibipimo mpuzamahanga; uruzitiro, umutekano n'ibimenyetso;
iv. Igihamya cy'uko hakozwe inyingo ku ngaruka z'umushinga ku bidukikije n'imibereho myiza y'abaturiye ububiko bw'intambi, kandi iyi nyigo ikaba yaremewe n'umuyobozi w'urwego rwa Leta rubifite mu nshingano zarwo.
v. Igihamya cy'ubushobozi bw'ishoramari: Usaba agomba kugaragaza uburyo amafaranga yo gushora mu gukora intambi azaboneka. Iki gihamya gishobora kuba icyemezo ahabwa na banki, amasezerano y'inguzanyo hagati ye n'ikigo cy'imari, ubufasha muby'ishoramari bushobora guturuka ku mufatanyabikorwa cyangwa ubundi buryo bwose bwemewe n'amategeko bwatanga ishoramari kuri uyu mushinga;
vi. Inyandiko igaragaza umuteguro n'ingamba z'umutekano mu gihe hatwarwa ibikoresho byo gukora intambi n'intambi ubwazo zivanwa ku ruganda zijjyanwa ku bubiko cyangwa zijyanwa gukoreshwa.

**2. Raporo ku ikoreshwa ry'intambi**

Raporo ku ikoreshwa ry'intambi igomba kugaragaza neza ibi bikurikira:

- Ubwoko n'ingano by'intambi zakoreshejwe n'izisigaye;
- Ubwoko n'ingano bw'ibijyana n'intambi byakoreshejwe n'ibisigaye;
- Ikigereranyo cy'ingano y'intambi n'ingano y'urutare rwaturikijwe n'izo ntambi;
- Ikigero cy'imitingito n'urusaku byatewe n'ikoreshwa ry'intambi;
- Impanuka iyo ariyo yose yaba yarabaye ifite aho ihuriye n'icungwa cyangwa ikoreshwa ry'intambi;
- Ibirego ibyo aribyo byose byaba byaratanzwe n'abaturage baturiye cyangwa bakorera hafi yahaturikirijwe intambi bijyanye n'ingaruka z'ikoreshwa ry'intambi ku mibereho yabo.

Bikorewe i Kigali, kuwa ......./......./2021



Digitally signed by RMB(CEO)
Date: 2021.08.02 13:40:05 +02'00'

**Francis GATARE**
**Umuyobozi Mukuru**